**A Amazi meza (Kuva 15:22–27)**

- ❖ Niba Imana iri kumwe natwe, ni gute ikintu kibi cyatubaho? Ibi ni byo byari imyumvire y'ubwoko bw'Abisirayeli bamaze kwambuka Inyanja Itukura.
- ❖ Basanze amazi atari ayo kunyobwa, barinubye bati: "Turanywa iki?" (Kuva 15:24). Imana yashoboraga gutunganya aya mazi mbere y'uko bahagera, ariko yategereje umwanya ukwiriye.
- ❖ Yasabye kandi Mose gufasha mu gukora iki gitangaza, imusaba kujugunyamo igiti cyo guhindura ayo mazi kuba meza (Kuva 15:25).
- ❖ Imana ishaka ko tumenya ko ihari, tugategereza amabwiriza yayo, kandi tugafatanya nayo.
- ❖ Iyo Abisirayeli baba barakurikije ibyo Imana isaba, bakubaha amategeko Imana yabahaye, bajyaga kwizera ko bazarindwa ikibi (Kuva 15:26).

**B Umutsima uturutse mu ijuru (Kuva 16:1–36)**

- ❖ Kurarikira kurya inyama byatumye Abisirayeli bivovotera Mose na Aroni (Kuva 16:2–3). Ariko mu kuri, Imana ubwayo ni Yo bivovoteye (Kuva 16:8). Ikibazo cyabo cyari ikihe?
  - — Bibagiwe ***ahashize***
  - — Bahanze amaso ingorane z'***iki gihe***
  - — Bātākobwe ***ahazaza*** basezeranijwe
- ❖ Nyuma yo kubaha inturumbutsi zo kurya, Imana yabahaye imitsima ihagije yo kubatunga buri munsi… mu myaka 40! (Kuva 16:35)
- ❖ Mu kuri, uyu mutsima uturutse mu ijuru wari igitangaza:
  - — Iyo izuba ryarasaga, warashongaga (Kuva 16:21)
  - — Ingano y'uwagwaga yari imwe mu minsi itanu (Kuva 16:16)
  - — Ku wa gatandatu hagwaga inkubwe ebyiri (Kuva 16:22)
  - — Ku Isabato nta wazaga (Kuva 16:26)
  - — Uwararaga wagwaga inyo (Kuva 16:20)
  - — Uwarazwaga ukageza ku Isabato ntiwagwaga inyo (Kuva 16:23–24)

**C Igitare cy'i Horebu (Kuva 17:1–7)**

- ❖ "Mbese Uwiteka ari hagati muri twe cyangwa ntahari?" (Kuva 17:7). Ese Imana buri munsi ntiyabohererezaga imitsima ivuye mu ijuru? Ese ntibayibonaga mu gicu?
- ❖ Ukutizera kwerekanywe n'Abisirayeli kuratangaje. Ariko Pawulo aratuburira kutagwa mu rwo baguyemo rwo kutizera (Abaheburayo 3:12).
- ❖ Nubwo batizeye, Yesu ubwe yasatuye igitare akomeza kubaha amazi mu rugendo rwabo rwose. Ni We "gitare cy'Umwuka cyabakurikiraga" (1Abakorinto 10:4).
- ❖ Kuri bo, kimwe natwe, Kristo ni Isōko y'ubugingo kandi ni We utanga ubugingo buhoraho.

**D Amaboko azamuwe (Kuva 17:8–16)**

- ❖ Mu gihe Abisirayeli bari bageze kure mu butayu, Abamaleki barabateye, maze Mose asaba Yosuwa kubarwanirira mu gihe we, Aroni na Huri bagiye mu mpinga y'umusozi bitwaje "inkoni y'Imana" (Kuva 17:8–10).
- ❖ Kuki Abamaleki bagabye igitero? Bari barumvise ibyo Imana yakoreye muri Egiputa. Ariko, bitandukanye n'abandi Banyakanani, bo ntibatinye. Basetse Imana barayisuzugura batera ubwoko bwayo, kugira ngo bagaragaze ko bayirusha imbaraga (Kuva 17:16).
- ❖ Iyo Mose yabaga azamuye inkoni y'Imana, Abisirayeli baraneshaga. Ariko iyo amaboko ye yananirwaga, Abisirayeli baraneshwaga (Kuva 17:11).
- ❖ Igihe cyari kigeze ngo uwo mutwaro awusangire n'abandi bayobozi. Aroni na Huri bashyigikiye Mose kandi bamufasha gukora umurimo w'Imana neza, bityo banesha umwanzi (Kuva 17:12).

**E Inama y'Imana (Kuva 18:1–27)**

- Yetiro abonye ikimenyetso Imana yari yarabwiye Mose, yajyanye na Zipora n'abahungu be, bajya kumureba i Horebu (Kuva 3:12; 18:1–5).
- Nubwo Yetiro atari Umwisirayeli, yaramyaga Imana. Nuko amaze kubwirwa na Mose ibyabereye muri Egiputa, ahimbaza Imana kandi ayitambira ibitambo (Kuva 18:8–12).
- Bukeye, abonye uburyo Mose acira imanza abantu bose wenyine, yamuhaye inama y'ubwenge: gusangira n'abandi inshingano (Kuva 18:17–23).
- Mose yicishije bugufi yabonye muri iyi nama amagambo y'Imana. Nuko yumvira inama ya sebukwe atoranya abantu bashoboye gukora izo nshingano.
- Imicombonera y'uhabwa inshingano (Kuva 18:21):
  - Kubaha Imana
  - Kuba inyangamugayo
  - Kwanga imponganoa

**F Umutsima w'ubugingo n'amazi y'ubugingo: Yesu**

- Pawulo atubwira ko inkuru zo Kuva zandikiwe kutwigisha, ni ukuvuga ko zifite inyigisho y'ibya mwuka mu mibereho wacu (1Abakorinto 10:1–11).
- Izi nkuru zituburira kwirinda kurarikira, gusenga ibigirwamana, ubusambanyi, kugerageza Imana, no gusebanya.
- Byongeye kandi, Yesu yakoresheje cyane kuri We ubwe inkuru z'amazi yo mu gitare ndetse n'iz'umutsima wavuye mu ijuru.
- Ni We utanga amazi y'ubugingo, agereranya Umwuka Wera (Yohana 4:14; 7:37–39). Ni We wenyine ushobora kutumara inyota yo mu mutima y'amahoro, umunezero, n'ibyishimo.
- Yesu yavuze ko ari We mutsima w'ukuri wamanutse uva mu ijuru. Uwo mutsima ni umubiri We (Yohana 6:51).
- Ni umubiri We, washenjaguriwe ku musaraba kugira ngo uzanire "abazawurya" bose agakiza—ni ukuvuga, kumwakira nk'Umukiza kandi bakagirana na We umubano buri munsi. Kristo wenyine ni We ushobora kutumara inyota n'inzara byo mu bya mwuka.